**Umwaka wa 63**
**Igazeti ya Leta n° Idasanzwe yo ku wa 30/08/2024**

**Year 63**
**Official Gazette n° Special of 30/08/2024**

**63ème Année**
**Journal Officiel n° Spécial du 30/08/2024**

# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

## *Iteka rya Perezida/ Presidential Order/ Arrêté Présidentiel*

**Iteka rya Perezida n° 073/01 ryo ku wa 29/08/2024** rishyiraho inoti nshya ya FRW 5.000 n'iya FRW 2.000 ……………………..……………………..……………………………………..2

**Presidential Order n° 073/01 of 29/08/2024** issuing a new banknote of FRW 5,000 and of FRW 2,000 ……………………..…………………..…………………………………….…..2

**Arrêté Présidentiel n° 073/01 du 29/08/2024** portant émission d'un nouveau billet de banque de 5.000 FRW et de 2.000 FRW …….............……………….………………………………..2

| ITEKA RYA PEREZIDA N° 073/01 RYO KU WA 29/08/2024 RISHYIRAHO INOTI NSHYA YA FRW 5.000 N'IYA FRW 2.000 | PRESIDENTIAL ORDER N° 073/01 OF 29/08/2024 ISSUING A NEW BANKNOTE OF FRW 5,000 AND OF FRW 2,000 | ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 073/01 DU 29/08/2024 PORTANT ÉMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE 5.000 FRW ET DE 2.000 FRW |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'inoti nshya n'ibimenyetso biziranga**<br><br>**Ingingo ya 2: Ikoreshwa ry'inoti nshya**<br><br>**Ingingo ya 3: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka**<br><br>**Ingingo ya 4: Ingingo y'ururimi**<br><br>**Ingingo ya 5: Gutangira gukurikizwa** | **Article One: Issuing new banknotes and their characteristics**<br><br>**Article 2: Circulation of the new banknotes**<br><br>**Article 3: Authorities responsible for the implementation of this Order**<br><br>**Article 4: Language provision**<br><br>**Article 5: Entry into force** | **Article premier : Émission de nouveaux billets de banque et leurs caractéristiques**<br><br>**Article 2 : Circulation des nouveaux billets de banque**<br><br>**Article 3 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**<br><br>**Article 4 : Disposition linguistique**<br><br>**Article 5 : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA PEREZIDA N° 073/01 RYO KU WA 29/08/2024 RISHYIRAHO INOTI NSHYA YA FRW 5.000 N'IYA FRW 2.000** | **PRESIDENTIAL ORDER N° 073/01 OF 29/08/2024 ISSUING A NEW BANKNOTE OF FRW 5,000 AND OF FRW 2,000** | **ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 073/01 DU 29/08/2024 PORTANT ÉMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE 5.000 FRW ET DE 2.000 FRW** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République ; |
| Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 110; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 110; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 110 ; |
| Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi; | On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning; | Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Économique ; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 23/08/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 23/08/2024; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 23/08/2024 ; |
| **DUTEGETSE:** | **DO ORDER:** | **ARRÊTONS :** |
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Ishyirwaho ry'inoti nshya n'ibimenyetso biziranga** | **<u>Article One</u>: Issuing new banknotes and their characteristics** | **<u>Article premier</u> : Émission de nouveaux billets de banque et leurs caractéristiques** |
| Banki Nkuru y'u Rwanda ishyizeho inoti nshya ya FRW 5.000 n'iya FRW 2.000 zifite ibimenyetso by'ingenzi bisobanuwe ku mugereka w'iri teka kandi zifite agaciro mu Rwanda. | The National Bank of Rwanda issues a new banknote of FRW 5,000 and of FRW 2,000 of which principal characteristics are specified in the Annex to this Order and they have legal tender in Rwanda. | La Banque Nationale du Rwanda émet un nouveau billet de banque de 5.000 FRW et de 2.000 FRW dont les principales caractéristiques sont précisées en annexe au présent arrêté et ayant cours légal au Rwanda. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ikoreshwa ry'inoti nshya** | **<u>Article 2</u>: Circulation of the new banknotes** | **<u>Article 2</u> : Circulation des nouveaux billets de banque.** |
| Inoti nshya ya FRW 5.000 n'iya FRW 2.000 zikoreshwa hamwe n'inoti zisanzweho, iya FRW 500, iya FRW 1.000, iya FRW 2.000 n'iya FRW 5.000, kandi zifite agaciro mu Rwanda. | A new banknote of FRW 5,000 and of FRW 2,000 are in circulation simultaneously with the existing banknotes of FRW 500, FRW 1,000, FRW 2,000, and of FRW 5,000 which have legal tender in Rwanda. | Un nouveau billet de banque de 5.000 FRW et de 2.000 FRW sont en circulation simultanément avec les billets de banque de 500 FRW, de 1.000 FRW, de 2.000 FRW et de 5.000 FRW actuellement ayant cours légal au Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Abayobozi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka** | **<u>Article 3</u>: Authorities responsible for the implementation of this Order** | **<u>Article 3</u> : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté.** |
| Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka. | The Prime Minister and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order. | Le Premier Ministre et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Ingingo y' ururimi** | **<u>Article 4</u>: Language provision** | **<u>Article 4</u> : Disposition linguistique** |
| Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza. | This Order was drafted in English. | Le présent arrêté a été rédigé en anglais. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 5</u>: Entry into force** | **<u>Article 5</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 29/08/2024<br><br>(sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUGEREKA W'ITEKA RYA PEREZIDA N° 073/01 RYO KU WA 29/08/2024 RISHYIRAHO INOTI NSHYA YA FRW 5.000 N'IYA FRW 2.000** | **ANNEX TO PRESIDENTIAL ORDER N° 073/01 OF 29/08/2024 ISSUING A NEW BANKNOTE OF FRW 5,000 AND OF FRW 2,000** | **ANNEXE À L'ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 073/01 DU 29/08/2024 PORTANT ÉMISSION D'UN NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE 5.000 FRW ET DE 2.000 FRW** |
| **A. IBIRANGA INOTI NSHYA YA FRW 5.000** | **A. SPECIFICATIONS OF THE NEW BANKNOTE OF FRW 5,000** | **A. DESCRIPTIONS DU NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE 5.000 FRW** |
| (1) Uko ingana: mm 145 x mm 72. | (1) Size: mm 145 x mm 72. | (1) Dimension : 145 mm x 72 mm. |
| (2) Ishusho igaragara ku noti nshya ya FRW 5.000 ni Ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda na *electrotype* ihagarariye inyuguti "BNR" munsi yacyo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'iburyo bw'inoti. | (2) The watermark of the new banknote of FRW 5,000 is the Coat of arms of the Republic of Rwanda and an electrotype representing the letters "BNR'' below. The watermark is located at the right-hand side of the banknote. | (2) Le filigrane du nouveau billet de banque de 5.000 FRW est le blason des Armoiries de la République du Rwanda et un électrotype représentant les lettres « BNR » en dessous. Ce filigrane est localisé dans la partie droite du billet de banque. |
| (3) Ibara ryiganjemo ni ibihogo bijya gusa n'ibara rya roza. | (3) The dominant colour is lilac. | (3) La couleur dominante est le lilas. |
| (4) Imbere hari amagambo – | (4) In front, there are wordings – | (4) Au recto, il y a les mentions – |
| (a) « BANKI NKURU Y'U RWANDA » yanditswe mu ruhande rwo hejuru; | (a) *"BANKI NKURU Y'U RWANDA"* printed on the upper part; | (a) *« BANKI NKURU Y'U RWANDA »* imprimée à la partie supérieure ; |
| (b) « Iyi noti yemewe n'amategeko » yanditswe munsi y'amagambo « BANKI NKURU Y'U RWANDA » ; | (b) *"Iyi noti yemewe n'amategeko"* printed below the wording "*BANKI NKURU Y'U RWANDA";* | (b) *« Iyi noti yemewe n'amategeko »* imprimée en-dessous des mots « *BANKI NKURU Y'U RWANDA » ;* |

| | | |
|---|---|---|
| (c) « AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU » yanditswe mu ruhande rwo hasi ; | (c) "*AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU*" printed on the lower part; | (c) *« AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU »* imprimée à la partie inférieure ; |
| (d) ibindi bimenyetso ni – | (d) other characteristics are – | (d) d'autres caractéristiques sont – |
| (i) igishushanyo kigaragara cy'inyubako « *Kigali Convention Center* » iri mu Mujyi wa Kigali; | (i) the principal design of the building "Kigali Convention Centre" located in the City of Kigali; | (i) l'image principale du bâtiment « *Kigali Convention Center* » situé dans la Ville de Kigali ; |
| (ii) agaciro k'inoti mu mibare itambitse muri buri nguni uretse mu ruhande rwo hejuru iburyo; | (ii) the face value of banknote is written horizontally in each corner except the one of upper right-hand side; | (ii) la valeur faciale du billet de banque inscrite horizontalement dans chaque coin à l'exception de la partie supérieure à droite ; |
| (iii) igishushanyo cy'umubare « 5000 » kiri munsi y'amagambo « Iyi noti yemewe n'amategeko » kibonerana mu noti bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo; | (iii) the transparent image of number "5000" below the wording "*Iyi noti yemewe n'amategeko*" depending on the disposition of the banknote; | (iii) une image transparente du nombre « 5000 » en dessous des mentions « *Iyi noti yemewe n'amategeko* » selon la disposition dans laquelle le billet de banque est pris ; |
| (e) itariki inoti yakoreweho « 28.06.2024 », yanditswe ahagana hasi ku ishusho ihinguranya inoti; | (e) the date of issuance "28.06.2024", written on banknote at the bottom of the watermark; | (e) la date d'émission du billet de banque« 28.06.2024», écrite sur le billet à la partie bas de la filigrane ; |
| (f) umukono w'Umuyobozi wa Banki n'uw'umuyobozi wa Banki Wungirije bigaragara munsi | (f) the signature of the Governor and Deputy Governor are located below the image of the building "Kigali | (f) la signature du Gouverneur et celle du Vice-Gouverneur de la banque sont localisées au- |

| | | |
|---|---|---|
| y'ishusho y'inyubako « *Kigali Convention Center* »; | Convention Center"; | dessous de l'image du bâtiment « *Kigali Convention Center* » ; |
| (g) inomero y'inoti iri mu ibara ry'umukara itambitse mu nguni yo hejuru iburyo, no mu nguni y'ibumoso ihagaritse ; | (g) serial number of the banknote printed horizontally in black colour in the upper right corner and vertically at the left-hand side; | (g) le numéro du billet de banque inscrit horizontalement en couleur noire dans le coin supérieur à droite et un autre inscrit verticalement sur la partie gauche ; |
| (h) ishusho y'ingagi ihinduranya amabara, bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, iri mu ruhande rw'ibumoso bw'inyubako « *Kigali Convention Center »;* | (h) the image of a gorilla changing colour, depending on the direction that the banknote is taken, is located at the left-hand side of the building "Kigali Convention Centre"; | (h) l'image d'un gorille changeant de couleurs, en fonction de la direction dans laquelle le billet de banque est pris, est située dans la partie gauche du bâtiment « *Kigali Convention Center » ;* |
| (i) udusapfu tubengerana dukwirakwijwe kuri buri ruhande rw'inoti tugaragara ku rumuri « *Ultraviolet* » mu mabara y'icyatsi n'ubururu ; | (i) the invisible fibres scattered all over the surface of the note fluorescent under ultraviolet light in green and blue; | (i) les fibres invisibles éparpillées tout au long du billet fluorescentes sous la lumière ultraviolette en verte et bleu ; |
| (5) Inyuma, hari – | (5) In back, there are – | (5) Au verso, il y a – |
| (a) amagambo – | (a) the wordings – | (a) les mentions – |
| (i) *« NATIONAL BANK OF RWANDA »* yanditswe ku ruhande rwo hejuru; | (i) "NATIONAL BANK OF RWANDA" printed on the upper part; | (i) *« NATIONAL BANK OF RWANDA »* imprimée à la partie supérieure ; |

| | | |
|---|---|---|
| (ii) *«THIS NOTE IS LEGAL TENDER»* yanditswe munsi y'amagambo « *NATIONAL BANK OF RWANDA»*; | (ii) "THIS NOTE IS LEGAL TENDER" printed under the wording "NATIONAL BANK OF RWANDA"; | (ii) *« THIS NOTE IS LEGAL TENDER »* imprimée en-dessous des mots « *NATIONAL BANK OF RWANDA»* ; |
| (iii) *«FIVE THOUSAND FRANCS »* yanditswe mu ruhande rwo hasi; | (iii) "FIVE THOUSAND FRANCS" printed in the lower part; | (iii) *« FIVE THOUSAND FRANCS »* imprimée à la partie inférieure ; |
| (b) ibindi bimenyetso ni – | (b) other characteristics are – | (b) d'autres caractéristiques sont – |
| (i) ishusho igaragara y'uduseke tubiri; | (i) the principal design of two small baskets; | (i) l'image principale de deux petits paniers ; |
| (ii) inkangara iteretswemo agacuma iteretswe mu nzu ya kinyarwanda yo hambere; | (ii) a big basket carrying a calabash placed inside the Rwandan traditional house; | (ii) un grand panier contenant une calebasse placé à l'intérieur de la maison traditionnelle rwandaise ; |
| (iii) agaciro k'inoti mu mibare itambitse mu nguni zose z'inoti; | (iii) the face value of the note written horizontally in all corners of the banknote; | (iii) la valeur faciale du billet de banque inscrite horizontalement dans tous les coins du billet ; |
| (iv) ishusho y'umubare « 5000 » ucuritse iri munsi y'amagabo « Iyi noti yemewe n'amategeko » ihinguranya inoti bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo; | (iv) the transparent image of reversed number "5000" below words "*Iyi noti yemewe n'amategeko*" depending on the direction that the banknote is taken; | (iv) une image transparente du nombre renversé « 5000 » en dessous des mots « *Iyi noti yemewe n'amategeko* » selon la direction dans laquelle le billet de banque est pris ; |
| (v) agashumi gacikaguritse karinda inoti kanditsweho inyandiko nto | (v) a wide windowed security thread in which the micro text reads | (v) un fil de sécurité fenêtré dans lequel on lit le micro texte |

| | | |
|---|---|---|
| zigizwe n'inyuguti « BNR » n'umubare « 5000 », kari mu ibara ry'umutuku gahindura ibara mu cyatsi kibisi bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, kari mu ruhande rw'ibumoso bw'inoti. | "BNR" and the number "5000" changes colour from red to green depending on direction that the banknote is taken, located on the left side of the banknote. | « BNR » et le chiffre « 5000 » changeant de couleur rouge en verte tout le long du fil selon la direction dans laquelle le billet de banque est pris, situé à la partie gauche du billet. |
| **(B) IBIRANGA INOTI NSHYA YA FRW 2.000** | (B) **SPECIFICATIONS OF THE NEW BANKNOTE OF FRW 2,000** | **(B) DESCRPTIONS DU NOUVEAU BILLET DE BANQUE DE 2.000 FRW** |
| (1) Uko ingana: 142mm x 72mm. | (1) Size: 142mm x 72mm. | (1) Dimension: 142mm x 72mm. |
| (2) Ishusho igaragara ku noti nshya ya FRW 2.000 ni Ikirangantego cya Repubulika y'u Rwanda na *electrotype* ihagarariye inyuguti « BNR » munsi yacyo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'iburyo bw'inoti. | (2) The watermark of the new banknote of FRW 2,000 is the Coat of arms of the Republic of Rwanda and an electrotype representing the letters "BNR'' below. The watermark is located at the right-hand side of the banknote. | (2) Le filigrane du nouveau billet de banque de 2.000 FRW est le blason des Armoiries de la République du Rwanda et un électrotype représentant les lettres « BNR » en dessous. Ce filigrane est localisé dans la partie droite du billet de banque. |
| (3) Ibara ryiganjemo ni umwura ucyeye. | (3) The dominant colour is clear violet. | (3) La couleur dominante est le violet clair. |
| (4) Imbere hari – | (4) In front, there are – | (4) Au recto, il y a – |
| (a) amagambo – | (a) wordings – | (a) les mentions – |
| (i) « BANKI NKURU Y'U RWANDA » yanditswe mu ruhande rwo hejuru; | (i) "*BANKI NKURU Y'U RWANDA*" printed on the upper part; | (i) « *BANKI NKURU Y'U RWANDA* » imprimée à la partie supérieure ; |
| (ii) « IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO » yanditswe | (ii) "*IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO*" printed below | (ii) « *IYI NOTI YEMEWE N'AMATEGEKO* » imprimée en- |

| | | |
|---|---|---|
| munsi y'amagambo « BANKI NKURU Y'U RWANDA » ; | the words "*BANKI NKURU Y'U RWANDA*"; | dessous des mots « *BANKI NKURU Y'U RWANDA* » ; |
| (iii) « AMAFARANGA IBIHUMBI BIBIRI » yanditswe mu ruhande rwo hasi; | (iii)"*AMAFARANGA IBIHUMBI BIBIRI*" printed in the lower part; | (iii)« *AMAFARANGA IBIHUMBI BIBIRI* » imprimée à la partie inférieure ; |
| (b) ibindi bimenyetso ni – | (b) other characteristics are – | (b) d'autres caractéristiques sont – |
| (i) igishushanyo kigaragara cy'imisozi y'Ikiyaga cya Kivu ; | (i) the principal design of Lake Kivu mountains; | (i) l'image principale des montagnes du Lac Kivu ; |
| (ii) agaciro k'inoti mu mibare itambitse muri buri nguni uretse mu ruhande rwo hejuru iburyo ; | (ii) the face value of the banknote written horizontally in each corner except the one of upper right; | (ii) la valeur faciale du billet de banque inscrite horizontalement dans chaque coin à l'exception de la partie supérieure à droit ; |
| (iii) ishusho y'umubare « 2000 » iri munsi y'amagabo « Iyi noti yemewe n'amategeko » ihinguranya inoti bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo ; | (iii) a transparent image of number "2000" below words "*Iyi noti yemewe n'amategeko*" depending on the disposition of the note; | (iii) une image transparente du nombre « 2000 » en dessous des mots « *Iyi noti yemewe n'amategeko* » selon la direction dans laquelle le billet de banque est pris ; |
| (iv) itariki inoti yakoreweho « 28.06.2024 », yanditswe ahagana hasi ku ishusho | (iv) the date of issuance "28.06.2024", written on banknote at the bottom of | (iv) la date d'émission du billet de banque« 28.06.2024», écrite sur le billet à la |

| | | |
|---|---|---|
| ihinguranya inoti; | the watermark; | partie bas de la filigrane ; |
| (v) umukono w'Umuyobozi wa Banki n'uw'Umuyobozi wa Banki Wungirije bigaragara munsi y'ishusho y'misozi y'Ikiyaga cya Kivu ; | (v) the signature of the Governor and Deputy Governor are located below the image of Lake Kivu mountains; | (v) la signature du Gouverneur et celle du Vice-Gouverneur de la banque localisées au dessous de l'image des montagnes du lac Kivu ; |
| (vi) inomero y'inoti mu ibara ry'umukara itambitse mu nguni yo hejuru iburyo, no muyo ibumoso ihagaritse ; | (vi) the serial number of the banknote printed horizontally in black colour in the upper right corner and vertically at the left side; | (vi) le numéro du billet de banque inscrit horizontalement en couleur noire dans le coin supérieur à droit et un autre inscrit verticalement sur la partie gauche ; |
| (vii) ishusho y'agaseke ihinduranya amabara, bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo. Iyi shusho iri mu ruhande rw'ibumoso-hejuru y'ishusho y'imisozi y'Ikiyaga cya Kivu ; | (vii) the image of a small basket changing colour depending on the direction that the banknote is taken. The image is located at the upper left-hand side of the image of Lake Kivu mountains; | (vii) l'image d'un petit panier changeant de couleurs en fonction de la disposition dans laquelle le billet de banque est pris. Cette image est située dans la partie droite en haut de l'image des montagnes du lac Kivu ; |
| (viii) udusapfu tubengerana dukwirakwijwe kuri buri ruhande rw'inoti tugaragara ku rumuri u*ltraviolet* mu mabara abiri y'icyatsi n'ubururu; | (viii) invisible fibres scattered all over the surface of the banknote fluorescent under ultraviolet light in two colours of green and blue; | (viii) les fibres invisibles éparpillées tout au long du billet fluorescentes sous la lumière ultraviolette en deux couleurs verte et bleue ; |

| | | |
|---|---|---|
| (5) Inyuma hari – | (5) In back, there are – | (5) Au verso, il y a – |
| (a) amagambo – | (a) wordings – | (a) les mentions – |
| (i) « *NATIONAL BANK OF RWANDA* » yanditswe ku ruhande rwo hejuru ; | (i) "NATIONAL BANK OF RWANDA" printed on the upper part; | (i) « *NATIONAL BANK OF RWANDA* » imprimée à la partie supérieure ; |
| (ii) « *THIS NOTE IS LEGAL TENDER* » yanditswe munsi y'amagambo "*NATONAL BANK OF RWANDA*"; | (ii) "THIS NOTE IS LEGAL TENDER" printed below the words "NATONAL BANK OF RWANDA"; and | (ii) « *THIS NOTE IS LEGAL TENDER* » imprimée en-dessous des mentions « *NATONAL BANK OF RWANDA* » ; et |
| (iii) na « *TWO THOUSAND FRANCS* » yanditswe mu ruhande rwo hasi; | (iii) "TWO THOUSAND FRANCS" printed in the lower part; | (iii) « *TWO THOUSAND FRANCS* » imprimée à la partie inférieure ; |
| (b) ibindi bimenyetso – | (b) other characteristics – | (b) d'autres caractéristiques – |
| (i) ishusho igaragara y'intete z'ikawa zikaranze neza ; | (i) the principal design of roosted coffee beans; | (i) l'image principale des grains de café torréfiés; |
| (ii) agaciro k'inoti mu mibare itambitse mu nguni zose z'inoti ; | (ii) the face value of the banknote written horizontally in all corners of the banknote; | (ii) la valeur faciale du billet de banque inscrite horizontalement dans tous les coins du billet ; |
| (iii) igishushanyo cy'umubare « 2000 » ucuritse kiri munsi y'amagabo « Iyi noti yemewe n'amategeko **»** gihinguranya | (iii) the transparent image of reversed number "2000" below words "*Iyi noti yemewe n'amategeko*" depending on | (iii) une image transparente du nombre renversé « 2000 » en dessous des mots « *Iyi noti yemewe n'amategeko* » selon |

| | | |
|---|---|---|
| inoti bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo ;<br><br>(iv) agashumi gacikaguritse karinda inoti kanditseho inyandiko nto zigizwe n'inyuguti « BNR » n'umubare « 2000 », kari mu ibara ry'icyatsi gahindura ibara mu bururu bitewe n'icyerekezo inoti ifatiwemo, kari mu ruhande rw'ibumoso bw'inoti. | the direction that the note is taken;<br><br>(iv) a wide windowed security thread in which the micro text reads "BNR" and the number "2000" changes colour from green to blue depending on direction that the banknote is taken, located on the left-hand side of the banknote. | la direction dans laquelle le billet est pris ;<br><br>(iv) un fil de sécurité fenêtré dans lequel on lit le micro texte « BNR » et le chiffre « 2000 » changeant de couleur verte en bleu tout le long du fil selon la direction dans laquelle le billet de banque est pris, situé à la partie gauche du billet. |

| | | |
|---|---|---|
| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Perezida n° 073/01 ryo ku wa 29/08/2024 rishyiraho inoti nshya ya FRW 5.000 n'iya FRW 2.000** | **Seen to be annexed to Presidential Order n° 073/01 of 29/08/2024 issuing a new banknote of FRW 5,000 and of FRW 2,000** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Présidentiel n° 073/01 du 29/08/2024 portant émission d'un nouveau billet de banque de 5.000 FRW et de 2.000 FRW** |

| |
|---|
| Kigali, 29/08/2024<br><br>(sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |